

IDENTIFICATION : 0315 N° 15 Le 21/12/93 (Fin)
Le 22/12/93 (1^{ère} PARTIE)

DUREE : 60 MIN.

QUALITE : BONNE

TRANSMISSION : RTLM

DATE DE TRANSCRIPTION : 23/11/2000

NOM DU TRANSCRIPTEUR : ICYITEGETSE Drocella

NOM DU FICHIER : 0315.wpd

DICTAPHONE : SANYO
Modèle : TRC-8080
N° de série : P9407754 F

RESUME DE LA CASSETTE N° 0315

FACE A: * Conférence de presse de MUSHIMIYIMANA Joram, directeur général d'Air Rwanda sur la défaillance du Boeing 707 de la compagnie Air Rwanda.

FACE B: * Suite de la conférence.

* Kantano HABIMANA affirme qu'une bonne cohabitation entre les Inkotanyi et d'autres Rwandais est nécessaire.

* Décès de Soso Mado, chanteur Rwandais (par HITIMANA Noël).

* Communiqué de presse du Parti libéral (lit par Noël HITIMANA).

Orateur non identifié :

... de la société, surtout s'est relié au Boeing 707. Alors là c'est en définitif le Conseil du gouvernement qui devra se prononcer sur base des conclusions du Ministère ayant les finances dans ses attributions.

Orateur non identifié :

Ee... hari akabazo icyakora (inaudible) ese mubona ari wo muti ee... nta wo... nta wayikoresha nk'uko tubona ziriya ndege z'Abasuwisi zizana ibigori ziva mu mahanga? Kuki mutagerageza gupiganwa na bo kugira ngo baba... ee... mugabanye ibiciro byabo kugira ngo badutware ririya soko kandi wenda twabonamo amafaranga yo kwishyura nk'iriya myenda? Murakoze.

Orateur : MUSHIMIYIMANA Joram, directeur général d'Air Rwanda

Ee... kuri icyo kibazo cy'iriya ndege ya AIR RWANDA, mu by'ukuri hari... harimo za aspects nyinshi. Iyo urebye iya mbere nshobora kuvuga ni iyerekeranye na... n'amafaranga ayigendaho ugereranyinje n'izindi ndege. Ndumva vuba aha ngaha abatechnicien ari ho batwerekaga ko nko... nk'ahantu indege zindi zikoresha litiro nk'ibihumbi mirongo ine, zo ziriya générations za Boeing usanga zi... zikoresha ibihumbi mirongo inani, ibihu... inshuro ebyiri en tout cas ugereranyije na za générations ziriho ubu ngubu z'indege. Icyo ni ikibazo cya mbere cy'uko ee... kugira ngo iriya ndege uzayitentabilize, uzayi... uzatume ikuviramo inyungu hari limite technique ihari ee... navuga iterwa n'uko ari génération ya kera.

Hakaba n'i...kindi kibazo na none cyerekeranye n'izi za Boeing uzi ko muri ino minsi isoko ry'indege cyane cyane izi ngizi zitwara ibintu ee... ryari ririmo n'indege nyinshi zaturutse muri biriya bihugu

by'abakomunisiti, bya... byahoze ari iby'Abakomunisiti za Rusiya, biriya bihugu bindi bari bafite indege ziriya za Ichioune ... Iliouchine ba... kuva rero baza ku masoko uu... muri ... hagiye gushira umwaka, ibiciro urebye ku isi hose byashushe n'ibihita bigwa kubera ko bo icya... icyo bishimiraga cyane cyane ni ukugira ngo tu... babone amadovize batarebye ibyo bindi byo kuvuga ko bagurisha menshi bagacyura menshi cyangwa se yuko igiciro minimu... minimum ari iki ngiki. Akaba ari yo mpamvu rero ubundi Directeur Général wa Air Rwanda afite imibare we yuzuye, ibyo ari byose imibare baduha yerekana yuko kuva ziriya ndege zo mu bihugu by'aba... byahoze ari... bitaga ibihugu by'abasonyisite, by'abakomuniste, kuva zaza ee... ku isoko ry'indege byatumye ibiciro bigabanukaho cyane.

Bon, ni byiza ku bantu batumira ibintu, ku bantu batwara ibintu, ariko kuri Sosiyete z'indege cyane cyane Sosiyete zigo... zishaka, zigomba gukora zikurikije amafaranga zatanze kugira ngo na... nibura ziyagaruze byabaye ikibazo. Ntabwo ikibazo rero ari icya Air Rwanda gusa n'ariya masosiyete yandi muzi yari asanzwe akomeye, ee... kubera ziriya ndege zo mu Burusiya zaje kuri marché byatumye na bo ibihombo bari basanganywe ee... byiyongera na none.

Akaba rero izo mpamvu ebyiri ari zo dusanga ee... ubu ngubu atari ho twavugaga ngo noneho indege nituyigumane. Ariko noneho iyo nsubiye inyuma ... iyo nsubiye inyuma nkajya kureba kuva iriya ndege yagu... kuva iriya ndege yagurwa, ndagenda mfata imyaka imwe n'imwe ee... hari nko mu mwaka wa... mirongo inani na kane, mirongo inani na kane icyo gihe berekanaga ko Air Rwanda yagize igihombo, igihombo kinini cyari kigeze muri miliyoni magana atatu na... hafi na makumyabiri, muri icyo gihombo inde... ee... igihombo cyaturukaga ku ndege kikaba cyonyine cyari hafi ya mirongo cyenda na gatanu ku ijana. Mirongo inani na gatandatu ni kimwe. Mirongo ina... mirongo cyenda ni kimwe, mirongo cyenda na rimwe ni kimwe, mirongo cyenda na kabiri, iyo ni imyaka imwe n'imwe ngiye mvuga mfitiye imibare nonaha, ariko bi...tera kwibaza iyo ubona buri mwaka, buri mwaka icyo gihombo kigenda kiba hafi ya... hagati ya miliyoni ijana na miliyoni magana atatu, urumva d'ailleurs harimo umwaka bigomba kuba byararengejeho kuri izo miliyoni magana atatu.

Ikindi kinyemeza yuko iriya... kuvuga ngo dukomeze dukoreshe iriya ndege kimwe n'iz'ahandi kinyemeza yuko atari byo, atari wo muti ni uko kuva iriya ndege yahagarikwa kuri makumyabiri na kabiri z'ukwezi kwa munani ee... Direction ya Air Rwanda yagerageje gukora imibare kugira ngo irebe niba hari différence irimo. Kandi koko iyo mibare uko bayitweretse, uko iyo Direction yayitweretse ndumva na ba actionnaires na bo bahoze babirebaho, biragaragara yuko isosiyete ishobora kunguka à condition que indege itajyamo.

Hari... n'izindi mpamvu zituma sosiyete ihomba na zo turazizi. Ni yo mpamvu d'ailleurs ba actionnaires batigeze ee... bagira impungenge mu gihe twababwiraga points de restructuration ni uko n'izo mpamvu ... izo mpamvu z'ibindi bihombo na zo twazibonye. Hari nko kugira iriya ndege ntoya ya... bayita Tri moteurs ya...koraga Kigali-Kamembe-Gisenyi ishoboye gutwara abantu makumyabiri kandi ku... imyaka igiye gushira ari myinshi nta na rimwe abapasaje barenga, iyo babaye benshi baba icumi. icyo gihe rero birasaba yuko iyo ndege na yo igurishwa. Noneho ahubwo ikivuyemo kikazagura indege iciriritse ishobora gutwara abantu icumi. Kubera iki? Kuko byagaragaye ko muri iyi myaka, notamment kubera ko imihanda yo mu Rwanda ndumva ikoze neza, ibyo bice byose navuze Cyangugu, Gisenyi hari imihanda ibihuza na Kigali akaba ari yo mpamvu usanga rero isoko ry'indege mu Rwanda rida... ridashamadutse cyane. Ni yo mpamvu rero mu... mu byemezo bindi na byo byafashwe harimo kugurisha iyo ngiyo Petit Porteur ifite ububasha bukabije ugereranyije n'aba...pasaje bahari n'abantu bashobora kugenda mu ndege bahari, akaba ari yo mpamvu rero na yo twavuze ko yagomba kugurishwa ahubwo ikazasimbuzwa indi ntoya inywa carburant nkeya, ita... itanesesita ibintu byinshi, itanesesita frais nyinshi kimwe n'iriyi nini ya Tri Moteurs ifite capacité nini kandi abo bantu bataboneka.

Ee... sinzi rero ndakeka ko ibibazo byawe ahari naba mbishubije ...

- ... akabazo gatoya nakongeraho. Ese ko hari gahunda numvishije muri Direction ya Air Rwanda bashobora kuba bategura, iyo gahunda yaba iteye ite ku byerekeye umutungo n'iyayi... yaba itaniye he n'iyari isanzwe? Mwaba muyigeze he muyemera cyangwa se muyanga? Murakoze.

- Urakoze. Iyo gahunda ahubwo irahari. Ni na yo imaze kwemezwa na... n'aba... ba nyir'isosiyete Air Rwanda muri iyi nama tumaze gukora. Iyo gahunda... yuzuye irasaba ibikorwa bigeze kuri... birindwi. Irasaba ibikorwa bigeze kuri birindwi, igikorwa cya mbere ni ukubanza kwikiza cyane cyane ziriya ndege bigaragara yuko mu myaka myinshi ari zo za...teye igice kinini cy'igihombo. Ndavuga igice kinini cy'igihombo kuko ntabwo navuga ko indege ari zo zonyine zateye igihombo hagomba kuba harabayemo na mauvaise gestion na yo ntibura.

Izo ndege rero igice cya... mu gihe cya mbere zagombye guhi... guhita zigurishwa nk'uko nari maze kubibabwira Boeing ikavamo, ee... iyo Tri Moteurs na yo ikavamo ariko igasimbuzwa indi ntoya kuko iyo marché igihari.

Hari... igikorwa cya kabiri ni u... ni ukureba noneho uburyo umuntu yabona indege zi...ki... ziha... zihwanye n'ubushobozi bw'isoko. Navuze iyo Tri Moteurs izasimburwa n'indege ntoya ifite imyanya icumi, ariko ubu ngubu gahunda... twari twemeje harimo no gukora ibyo nakwita mu gifaransa transport régional. Ee... ubu ndumva négociation zigeze kure cyane umenya tugize Imana byose birangiye byagombye gutangira bidatinze mu mpera z'ukwezi kwa mbere.

Aha ngaha rero bya... byarasuzumwe abatechnicien b'iyo... b'iyo sosiyete barabisuzumye basanga hari isoko rihagije ryo gutwara abantu ndetse n'ibintu mu rwego rw'aka karere dutuyemo. Ee... sinzi niba ujya ukunda kureba... ujya ukunda kunyarukira ku kibuga cy'indege cyangwa kureba ibintu by'amasosiyete atwara Abanyarwanda abavana hano abajyana i Nairobi buri gihe usanga nka Kenya Airways iba yuzuye. Ugasanga abantu bari kuri liste d'attente y'icyumweru, ibyumweru bibiri, ibyumweru bitatu, rimwe na rimwe bakakubwira bati mu mezi abiri akurikira Kenya Air Ways ntimwirirwe muyibo... muyibazaho umwanya iruzuye.

Iyo porogaramu rero yo kugira ngo ee... dukore iyo transport régional ari iy'abantu ari n'iy'ibintu tuyigeze kure, ee... ariko mu gihe cya mbere ntabwo duteganya kuzahita tugura indege tu...ri muri démarches zo kuzakodesha tukazagura ari uko tumaze kubona icyo bitanze.

Iyo porogaramu rero ikaba irimo gukora transport ya... Kigali-Nairobi, Kigali-Entebe, Kigali-Dar-Es-Saalam na Kigali-Kinshasa, je crois. Iyo... icyo donc ni igikorwa cya kabiri.

Hari igikorwa cya gatatu ni ugu... ni ugukora ku buryo i... ibyo Air Rwanda yakoraga byari bisanzwe biyizanira inyungu ibyo bintu ee... byakwitwaho cyane gestion yabyo ikitwaho i... i... ku buryo iyo nyungu ahubwo yakwiyongera. Hari... ibintu bibiri buri gihe kugeza ubu ngubu bisa n'ibizanira ... ari byo byonyine bizanira amafaranga sosiyete, bizanira inyungu buri mwaka, buri mwaka kuva sosiyete yatangira kubikora ni... buriya byo kwita ku ndege terme sinyizi babyita handling mu... cyongereza, hanyuma hakaba no kugurisha ee... iriya carburant y'indege.

Igikorwa cya... gatatu... cya kane ee... navuga iyo porogaramu ishingiyeho, ni ugukora ku buryo abakozi bahari ubu ngubu umubare wabo wahwana na... n'imirimo iri muri Air Rwanda. Ndumva ubwa mbere nkigera muri iriya Sosiyete, bigomba kuba byari muri mirongo cyenda cyangwa muri mirongo cyenda cyangwa muri ... muri za mirongo inani n'icyenda ahari, nasanze inama y'ubutegetsi icyo gihe yari imaze ... igomba kuba yari imaze nk'amezi igenda ireba imirimo yose iri muri Air Rwanda ireba umubare w'abakozi bahari, icyo gihe iyo nama yaje kwerekana yuko abakozi bahari umubare wabo urenga ugereranyije n'imirimo ihari.

Kuva icyo gihe ... ndumva no muri mirongo icyenda na rimwe na none iyo gahunda yongeye irakorwa kugira ngo turebe ukuntu abakozi babaha... bahari bahura nibura n'imirimo, umubare wabo wahura n'imirimo ntusange ee... abakozi baruta imirimo ihari. Ibyo ari byo byose iyi gahunda na yo yarakozwe, za postes zikenewe muri Air Rwanda zabaye... zashyizweho, hanyuma hasigaye kugenda bareba abakozi bahuje n'iyi mirimo ikenewe, abadahuje n'imirimo ikenewe na none icyo gihe hazaba plan de... de compression y'aba... y'abakozi.

Igikorwa cya... gatanu ni u... ni ukugerageza ku... gukora neza ibintu by'imicungire. Mu by'ukuri yo... igihe ubwa mbere navugaga nti igihombo cya Air Rwanda yego ahanini cyaturutse kuri... iriya exploitation ya Boeing cyane cyane byo biragaragara imibare irabigaragaza yerekana yuko buri

mwaka ha... nibura haba harimo mirongo cyenda ku ijana bya... byateye igihombo cya Air Rwanda biturutse kuri exploitation y'iriya ndege. Ariko n'iyo unarebye mu micungire hari ibintu bimwe na bimwe bitabeshya. Urugero : Nko kugira ngo wake situation-comptable usange bimaze ibyumweru bibiri batayiguhaye cyangwa se uka... ukagenda wajya kugereranya (il se racle la gorge), wagereranya imibare baguhaye umwaka ushize ukagereranya n'iyo baguhaye ubu ngubu ugasanga ntihuje.

Ibyo jye numva yuko ari ibimenyetso by'uko quand même abakozi badakuriki... yuko services zigomba kuba zitagenda neza. Ni yo mpamvu rero kuva... ndumva ari ukuva mu... mu ntangiriro z'uyu mwaka cyangwa mu mpera z'umwaka ushize ubuyobozi bukuru bubisabwe na Conseil d'administration kandi na... n'ubuyobozi bukuru bwari bwatangiye kubyi... kubwibyiri... kubwibyiriza... kubyibwiriza (aseka) bwakoze... gahunda y'uko gushyira mu bikorwa, y'uko kugerageza gu... gukora ku buryo imicungire igaragara kandi imicungire igatuma Sosiyete yunguka.

Ni muri urwo rwego, niba mbyibuka neza bashyizeho ibintu ... igitabo cyerekana uko ibintu byagombye gukora... uko ibintu byagombye gukorwa, ugomba kuyikora n'uburyo bikorwamo aba gestionnaires babyita ngo ni manuel de... de... ni procédure de gestion. I... nibura icyo gikorwa cyarakozwe ubu ngubu batangiye kubikurikiza.

Ikindi... batangiye gukora ee... cyane cyane aha ngaha ndashimira ubuyobozi bukuru ni u...gukora ku buryo comptabilité y'iyo Sosiyete ya... yaba à jour, ikaba... ikagiramo... ikagiramo abantu nibura batuma buri mwanya aho ushakiye données uyibona kuko nta kintu kibabaza nko kugira ngo Sosiyete uyake imibare kandi yagombye kuba iyifite, bakubwire bati nta yo dufite. Icyo gihe ntubona na... n'icyo ugiraho impaka.

Ni yo mpamvu rero muri... ino minsi nibura birimo kugaragara ko bifashishije za études zimwe zabaye, za au... , babyita audits, za audits zimwe zabaye, bifashishije donc izo za audits bakoze imibare yabo ubu noneho isa n'a... igenda gahoro gahoro isa n'aho yakwizerwa kandi ndumva n'ubwo buyobozi bwari bwagerageje gutangira gushyiramo abakozi bafite niveau de formation ihagije.

Igikorwa cya... gatandatu ni uku... ni ugukora ku buryo ayo macompagnie aza ino aha ngaha, izi sosiyete z'indege ziza ino aha ngaha ba... zakorana na Air Rwanda, burya ni ibintu bizana amafaranga iyo hari une ligne Kigali ijya ahandi ee... sosiyete yindi yexploita wowe utayikoraho, sosiyete nasiyonali ifite ububasha bwo kwaka za loyautés je crois. Za lu... za loyautés ee... icyo gihe rero Air Rwanda Direction générale yayo yari yasabwe gukomeza gukorana ... gukomeza gushaka gukorana n'ayo masosiyete ku buryo na yo yajyamo kugeza igihe nibura natwe ubwacu tuzibonera indege zacu zishobora kujya ku... kwinjira en concurrence n'izo so... n'izo compagnies.

Igikorwa cya... karindwi ari na cyo cya nyuma kandi ari na cyo ee... cy'ingenzi ndakeka quand même ndakeka, ni ugusubira mu myenda ya... ya Air Rwanda. Ni ugusubira mu myenda ee... nyuma y'aho tumaze kubonera yuko buri mwaka, buri mwaka iriya ndege izana ibihombo, byateye amatsiko tujya gusaba yuko bagenda berekana ee... bagenda berekana icyo indege yinjije n'ibyo yasoho... n'ibyayigenzeho kugira ngo tugende tureba ee... uruhare rw'iyi ndege mu gihombo cya Air Rwanda. Tugiye kureba ni bwo nabwiraga nyi... uko nababwiraga mu kanya basanga buri mwaka wagira ngo byabaye akarande, nta na rimwe a... usanga icyo gice cya exploitation y'indege cyarungutse. Kandi tukaba tuzi ko... kuba Air Rwanda yara... ya... ifite indege ubu ngubu kimwe n'iyi urebye muri ino... muri ino myaka ishize na ho bigaragara kuva intambara yatangira, kimwe d'ailleurs no mu myaka ya mirongo irindwi n'icyenda na mirongo inani. Muribuka ko icyo gihe hari ha... hari hariho intambara je crois y'Ubuganda na Tanzananiya ibicuruzwa byinshi byo mu Rwanda byaraheze... byaraheze i Mombasa. Muribuka ko icyo gihe ee... ari na ho iyi indege bayitabaje, ubu na bwo indege quand même yagize... akamaro muri transport z'ibintu bi... bifitiye akamaro igihugu ku buryo donc twe tuvuga tuti iyi ndege urebye kuba sosiyete yaragiye iyigumana ntabwo byaturutse ku bu...shake bw'uko Direction générale cyangwa se ubuyobozi bwayo ee... bwabonaga yuko i... izana inyungu. Byaterwaga n'imirimo ikorera Leta.

Akaba ari yo mpamvu rero twe dusanga yuko Leta yagombye gufasha iyi sosiyete niba ishaka yuko ikomeza kubaho, ee... Leta yagombye gufasha iyi sosiyete mu ku... mu kwishyura imyenda yerekeranye n'iyi ndege ari... amafaranga yayiguzwe, ari n'amafaranga yayigiyeho muri... muri période

ya exploitation. Ngibyo... mu magambo make ibikorwa birindwi iriya porogaramu, iriya gahunda yo ku...zahura Air Rwanda, ee... ngibyo ibikorwa birindwi iyi porogaramu ishingiyeho mu magambo make.

Orateur : HABIMANA Kantano

Ee... ikibazo na... nababazaga hari aho nabonye yuko hazajyaho isosiyete ishinzwe... gucunga ibibuga by'indege. Iyo sosiyete niyanga gukorana... na Air Rwanda igashaka gukora imirimo nk'iyi Air Rwanda yakoraga tuvuge nka bya handling bya... bizagenda gute?

- Murakoze kuri icyo kibazo, ee... aho wabonye yuko hazajyaho indi sosiyete je crois que bigomba kuba ari ibintu byerekeranye na... na projection y'ukuntu Régie des aéroports izamera ahari ndakeka. U... kugeza ubu ngubu ubundi sosiyete zicunga ibibuga ntabwo ari zo zikora biriya bya handling, biriya bya ntuzza ariko usibye ko bishobora kubaho, ariko ubundi kugeza ubu ngubu ni izindi sosiyete ziba ari spécialisées, d'ailleurs usanga akenshi ari zi... ari compagnies z'igihugu zikora iyo mirimo. Ingero ni nyinshi, usibye ko hari no mu bindi bihugu bi... bikeya ushobora gusanga barashyizeho une société spécifique, société ee... idafite aho ihuriye n'utwara indege cya... na sosiyete itwara abantu cyangwa se na sosiyete icunga ibibuga ikaba ari yo ikora ibyo ngibyo bya handling byo gutanga carburant n'ibiki byose.

Uti noneho byazagenda bite icyo gihe ba... iramutse yanze, a... simbizi aha ngaha, cyakora jye numva ko ibyo ari byo byose iyo sosiyete, hari uburyo bubiri: iyo sosiyete uko mbizi, iriya Régie des aéroports uko izevoluwa izakomeza ibe sosiyete icunga ibibuga atari sosiyete yo kujya gukora izo za activités.

Tuvuge noneho ko bayihaye ububasha bwo kwikorera izo za activités ee... Air Rwanda ndumva itazaba itakaye kubera ko kugeza ubu ngubu ndumva muri kino gihugu Air Rwanda ari yo yonyine ifite za équipements appropriés. Byantangaza rero yuko tout d'un coup bavuga bati ee... muhagarare

n'ibintu byanyu byose mubijyane na équipement euh... bata... batakira uwo mwanya, utakiriraho, Byantangaza ku... kumva ko Air Rwanda icyo gihe yazavamo brusquement nta... kandi za équipements zose ari yo yari izifite muri... muri ntuza hariya kuri aéroport.

- ... muzagurisha Boeing 707 ee... ese mwaba mwarabonye abacient? Kuko mwe mushobora kwizera kugurisha ikintu hakabura n'ugifata! Ee... nyuma ikindi kibazo ni uko... mwari mumaze kugira ... hari hamaze kuboneka abapilote b'Abanyarwanda, cyane cyane bagiye kubyiga batewe umwete n'uko iriya ndege yari iriho, ee... ubu ntabwo... ntabwo biciye inte... ba... d'abord abo bakozi, abo bapilote b'indege ko... ubwo ni ukuvuga ko bagiye kuba abashomeri ba... kandi bazi akazi, ee... nyuma kandi... n'abandi bigaga na bo ubu bagiye kubireka kuko nta kibatera inkunga, nta kiba...shishikaje. Ubu se nta kintu bihombeje igihugu ku byerekeye ubumenyi bw'ibintu bunyuranye?

- Ee... urakoze kumbaza icyo kibazo. icyerekeranye no... n'abacient bashobora kuba bagura iriya ndege Boeing 707 nta bo twari twabona. Tuzi ko hari ngo abayishaka ee... ariko ntabwo twari twafata ibyemezo byo gushakisha neza ku buryo bufututse abayifata. Ee... mbere yo kugira ngo tu...tangire gushaka abayigura hagombaga kubanza gufatwa icyemezo gifashwe na ba nyiri isosiyete ubwabo. Uyu muni rero mu... mu nama bagi... ee... bakoze ni bwo ... ni bwo bemeye ko indege ishobora kugurishwa. Ndetse bahaye amabwiriza ubuyobozi bukuru bwa Air Rwanda ko ee... bwashaka uburyo bwose bushoboka bubaho hanyuma tukabugeza ku Nama y'Ubutegetsi, Conseil d'Administration, Inama y'Ubutegetsi ikareba bumwe muri bwo twakoresha kugira ngo tube twagurisha iriya ndege.

Hari uburyo bwinshi bukoreshwa mu kugurisha ibintu bya Leta cyangwa se ibintu by'amasosiyete ee... ubwo rero tugiye gushyiraho za serivisi za Air Rwanda zi...shyire ku rupapuro uburyo bwose bushoboka noneho tuzabushyikirize Inama y'Ubutegetsi ibe ari yo yahitamo bumwe tubukoreshe, kandi ibyo ngibyo tuzabyihutisha ee... nk'uko abagize isosiyete babidusabye.

Ee... icyakabiri ni icyerekeranye n'abapilote kuko mu by'ukuri mu mwaka ushize twari twaramaze kohereza kwiga abapilote b'Abanyarwanda kuko bimwe mu byahombyaga... ee... Air Rwanda, mu

byatumaga iriya ndege ihomba ni uko hariho abapilote b'abazungu gusa. Kuva indege yaza muri mirongo irindwi n'icyenda yatwawe n'abazungu gusa, hanyuma tuza gusanga yuko ari ngombwa ko twa...gabanya igihombo kirebana n'abapilote ee... twohereza abacu kwiga. Hari abapilote babiri twari tumaze kugira b'abacopilote ee... uko ibibazo biteye ntabwo twakomeza kugumana indege ngo kugira ngo abo bapilote bakomeze kuyitwara kuko byaba birenze urugero. Ariko rero ntabwo... na none twatererana abakozi bacu tumaze gu... kohereza kwiga, ni yo mpamvu ee... twatangiye gukora za études ndetse dosiye iri hafi kurangira yo kugira ngo tubone indi ndege iciriritse tube twayikodesha yo kujya itwara abantu n'ibintu ee... nk'uko Perezida w'Inama y'ubutegetsi yabivuze, yo kujya itwara abantu ibajyana i Nayirobi, ibajyana i Kinshasa, ijya Entebbe, ijya Dar-Es-Saalam, ee... abapilote bacu b'Abanyarwanda ni bo bazayikoraho. Ni bo bazayikoraho ntabwo tuzazana abapilote b'abanyamahanga.

- Ee... hari ikibazo mfite cyerekeranye n'igihombo cyatewe n'iriyi ndege. Mu mibare mwaduhaye muribanda cyane ku mwaka wa mirongo inani na kane kuko ari ho byatangiye kugaragara yuko iyo ndege yaba ihombya Sosiyete ya Air Rwanda, none ubu turi muri mirongo cyenda na gatatu, ni ukuvuga ko hashize imyaka icyenda iyo ndege buri mwaka ihombya amafaranga. Ni ukubera iki mwategereje iki gihe cyose kugira ngo mube mwakwiga ukuntu iyo ndege mwayikiza?

Ikindi cya ka... ikibazo cya kabiri mfite, sinzi neza niba ari byo, abantu bakunze kuvuga ko ngo "amasosiyete y'indege ahenda Air Rwanda ishobora kuba ari iya mbere ku isi". Hakaba hari n'abavuga ko ee... mu bi... ndi mu by'indege ee... ee... ticket cyangwa no ku... n'izindi ndege ngo zaba ziza nko mu Rwanda kuba banyweshya ku bari ino wagira ute ngo ibintu bya carburant n'iki byose ngo birahenda cyane mu Rwanda. Hakaba hari n'abavuga ko hari indege zimwe zihitamo kugira ngo zibe zagira ahantu zikoresha entretien cyangwa kunywa iki byose iri bugere i Bujumbura iragenda ikabikorera i Bujumbura aho kugira ngo ibikorere i Kigali. Ibyo bintu byaba bishingiye ku ki niba ari byo? Niba atari byo kandi ubwo mwatubwira ukuri aho guherereye. Ndumva naba mbajije utwo ngutwo. Murakoze.

- Ku kibazo umbajije kerekera... n'impamvu baba batarafashe icyemezo cyo gu... cyo kugurisha indege kandi yaratangiye guhomba kera, ee... aho hari impamvu nyinshi kandi ndatekereza yuko ee... abagize sosiyete kuba biyemeje ee... kuzafata... kuzasaba Leta ko ifata en charge amadeni y'iriya ndege ni uko bazi neza yuko iyo ndege yari ifitiye koko igihugu akamaro, ko atari Sosiyete yonyine ubwayo Air Rwanda yari ifitiye igihugu akamaro! Ubwo rero hari izindi mpamvu cyane cyane z'igihugu cyose zitatumye hafatwa ibyemezo byo kuyigurisha n'ubwo yahombyaga Air Rwanda. Yahombyaga Air Rwanda ariko igihugu hari ibyo cyahungukiraga bimwe na bimwe.

Ee... ku byerekeranye rero ee... n'uko ku kibuga cy'indege yacu ... cya... cyacu ibintu bimwe na bimwe nka biriya byo gupakira no gupakiza indege cyangwa se bya carburant y'indege ngo byaba bihenda cyane kurusha mu bindi bihugu, ibyo nkeka ko ababivuga ari abadafite... imibare nyayo ee... kuko nk'ibyo gu... gupakira no gupakurura indege ntabwo ikibuga cyacu ari cyo gihenda kurusha ahandi. Imibare irahari ubwo nimuyikenera twazayibereka, tukabereka ku bibuga by'ahandi uko bimeze cyane cyane ibidukikije.

Ku byerekeranye na... na lisansi y'indege ee... ni byo koko mu... myaka ishize umuntu yabonaga... ku kibuga cy'indege cy'i Kanombe bihenda kurusha ku bindi bibuga by'indege. Aho ngaho byaje gukosorwa kuko kuva mu mwaka ushize Air Rwanda yagiye yisabira ubwayo ee... za offres z'abantu bacuruza lisansi y'indege ee... ku buryo ibiciro byagiye hasi y'ibyo ee... twari dufite, ndetse amakompanyi amwe n'amwe iyo yatwemerereye yuko ashobora gufata carburant nyinshi cyane dushobora kuyiha ku giciro cyo hasi kurusha icyo twaha abandi bafata nka rimwe mu mwaka cyangwa kabiri mu mwaka tukemera tunguka makeya kuri litiro tugurishije ariko tungukira kuri litiro nyinshi uwo muntu yaba aguzeho.

Ee... nko kuvuga rero yuko lisansi yaba... ihenda ugereraniye n'ibihugu bidukikije birumvikana kuko ee... lisansi ivuye i Dar-Es-Saalam ijya Entebbe igenda... hamwe na hamwe ikagendera kuri train, kuri Gale ya Moshi ikagera hafi y'aho bagomba kuyigurisha.

Fin de la face A.

FACE B.

... agahita ayivana i Dar-Es-Saalam. Umuntu uyigurisha i Bujumbura ayizanayo mu... bwato rimwe na rimwe, ikanyura muri Lac Tanganyika ikaza ika... ikagera i Bujumbura itwaye amafaranga makeya kurusha uko bayizana mu makamy. Noneho rero igiciro bayigejejeho kuri ibyo bibuga byaho kikaba kiri hasi y'icyo twebwe tuyiboneraho iyo igeze i Kigali. Ariko rero ee... twibwira yuko nidukomeza politike twatangiyeye mu kigo yo gushaka ukuntu twabaza ibiciro hirya no hino, tugasaba aba fournisseurs benshi bakaduha ibiciro ko ee... tuzagerageza kujya hasi yee y'ibyo biciro by'ama... byo ku bindi bibuga by'indege bitwegereye.

- Ee... murakoze, ee... ee... Perezida wa Conseil ... ee... Perezida w'Inama y'Ubuyobozi bwa... bw'Isosiyete ya Air Rwanda yadusomeye ee... imyanzuro, ariko yayisomye mu gifaransa. None turagira ngo mutubwire mu Kinyarwanda mbese muri make ingamba mwaba mwafashe kugira ngo Isosiyete ya Air Rwanda idasenyuka.

- Yee... usibye ko nyuma ya... y'iriya communiqué de presse nasomye mu gifaransa ndumva nari narigeze kuvuga gahunda yo ku... bariya ba... bariya ba nyir'isosiyete bari bamaze kwemeza, iriya gahunda yo kuzahura Air Rwanda ni bo bigeze gusobanura mu... mu gifaransa, mu kinyarwanda aho iyo gahu... ibikorwa gahunda ishingiyeho. Ee... reka noneho ngaruke wenda kuri iyo communiqué de presse, ibyo inama yemeje. Ee... donc navuzemo yuko inama ihereye kuri iriya gahunda Sosiyete Air Rwanda yayerekaga, ihereye no ku mibare Sosiyete Air Rwanda yakoze mu gihe haba habaye liquidation, liquida... haba habaye liquidation bikerekana yuko, iyo mibare rero ikaba yerekana ko mu gihe Air Rwanda yaba isheshwe bya... byatwara amafaranga menshi kandi bikagira ingaruka nyinshi kurushaho ... kurusha mu gihe ahubwo iyi Sosiyete baba bayizahuriye porogaramu zayo n'i... n'ibyo ikora byose.

Abo ba nyir'isosiyete rero bemeje yuko ee... bashyigikiye bese ko ahubwo Sosiyete Air Rwanda ee... imirimo yayo ya...subirwamo, ya... ikagira ga... gahunda yayo yo kuyi... yo kuyizahura ikaba ari yo

ishyigikirwa, akaba ari na yo ee... baza... bifuzaga ko Guverinoma na yo yashyigikira kuko iyi gahunda mu by'ukuri kugira ngo ikorwe irasaba yuko igice kinini cy'imyenda ya Air ... ya Air Rwanda cyane cyane igice ee... cyane cyane imyenda ituruka ku buguzi bwa ... bw'i... bwa Boeing twahoze tuvuga ku... kuba barakoresheje iriya Boeing n'amafaranga yose yayigiyeho ee... icyo gihe rero donc barasaba ko nibura Guverinoma yafatamo igice kinini cy'iyi myenda. Akaba ari yo mpamvu rero iyi nama yari yemeje ko ishyigikiye iyi gahunda, ariko iyo gahunda nk'uko mbikubwiye ikaba isaba ko Inama ya Leta na yo yakwemera gufata kiriya gice cy'imyenda.

Hanyuma hari... ikindi bashyigikiye ni uko Inama ya Leta ya... yagira icyo ibivugaho ku buryo nibura byihutirwa abantu ntibahere mu gihirahiro nk'u... ngo usange na Sosiyete ihera mu gihirahiro.

